# NGAMBA: NYUMA Y'UMUGANDA, ABATURAGE BAKANGURIWE KWIRINDA NO GUKUMIRA AMACAKUBIRI



Tariki 30 Ugushyingo 2024, hirya no hino mu Mirenge hakozwe umuganda rusange usoza ukwezi k'Ugushyingo. Umuganda wibanze ku gufata neza ibikorwaremezo by'imihanda, gukumira Ibiza no kubakira abatishoboye.

Mu muhanda uva Bugoba i Rukoma werekeza Kabuga mu Murenge wa Ngamba niho habereye umuganda rusange usoza ukwezi ku rwego rw'Akarere ka Kamonyi. Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Furaha Fulgence, Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere Lt. Colonel Eliphaz hamwe n'Umuyobozi wa NISS mu Karere bwana Mutabazi Jean Baptsite bi

bifatanyije n'abaturage gusiba ibinogo byari byarangije uyu muhanda uva Bugoba ujya Kabuga mu Murenge wa Ngamba.

Mu butumwa bwatanzwe nyuma y'umuganda, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere abaturage bibukijwe ko ubumwe bwabo arizo mbaraga zabo, bityo bahamagarirwa kwirinda icyo aricyo cyose cyabatandukanya ahubwo bakimakaza imibanire myiza, bakubaka umuryango mwiza kandi umuryango ushoboye unatekanye.

Hanatanzwe ubutumwa ku isuku n'isukura, kwita ku bantu bafite ubumuga kuko nabo bashoboye no kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu muryango.

Abitabiriye banibukijwe kugira uruhare ku gukumira ruswa n'akarengane, hatanzwe n'ubutumwa ku mikorere n'imikoranire na BDF, abitabiriye kandi bibukijwe gukomeza ubumwe bwabo kuko arizo mbaraga z'igihugu, bakirinda icyo aricyo cyose cyakurura amacakubiri.

Muri ibi bikorwa by'umuganda, umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu Niyongira Uzziel we yakoreye Umuganda mu Murenge wa Runda, naho Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee yari mu Murenge wa Musambira.







## ABANYAMAHANGA 5 BAHAWE UBWENEGIHUGU BW'U RWANDA

Tariki 27 Ugushyingo abanyamahanga 5 bahawe ku mugaragaro ubwenegihugu bw'u Rwanda nyuma y'aho bujuje ibisabwa umunyamahanga no gusohoka mu igazeti ya Leta nkuko amategeko abiteganya.

Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere niwe wakiriye ku biro by'Akarere izi ndahiro z'abanyamahanga 5 bahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda akaba yari kumwe n'umuyobozi ushinzwe abinjira n'abasohoka waturutse ku buyobozi bukuru wari woherejwe n'uru rwego.

Muri aba banyamahanga harimo 2 bakomoka mu gihugu cy'u Burundi hari kandi 2 bo muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo n'undi 1 ufite inkomoko ya Canada
Abahawe ubwenegihugu bahawe ikaze mu muryango mugari w'abenegihugu b'u Rwanda basabwa umusanzu mu kubaka igihugu cyabo cy'u Rwanda.

Iki gikorwa kandi cyitabiriwe n'uhagarariye ubuyobozi bw'Abinjira n'Abasohoka ku rwego rw'Igihugu, imiryango y'abarahiye n'abagize inzego z'umutekano.








## INZEGO Z'UBUYOBOZI ZAKURIKIRANYE GAHUNDA YA "SCHOOL FEEDING"









Tariki 27 Ugushyingo 2024, abagize komite nyobozi y'Akarere uyu basuye bimwe mu bigo by'amashuri byo mu Mirenge itandukanye basuzuma uko abanyeshuri bagaburirwa ku bigo, itangwa ry'uruhare rw'ababyeyi, uburyo bwo gutegura amafunguro ndetse n'isuku n'isukura mu bigo by'amashuri.

Mu Murenge wa Gacurabwenge harebwe ishyirwa mu ngiro rya gahunda yo kugaburira abana ku ishuri (school feeding), igikorwa cyari kiyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere aho bagenzuye EP Gihinga.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee ari kumwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. FURAHA Fulgence basuye GS Kigembe. Abayobozi batanze inama y'ibikwiye kunozwa mu rwego rwo gufasha iyi gahunda kugenda neza no guharanira isuku mu Kigo.

## ABANGAVU BAHAWE IKIGANIRO KU GUKUMIRA IHOHOTERWA

Tariki 27 Ugushyingo 2024, ku Karere habaye ikiganiro n'abangavu babyaye aho baganirijwe ku bijyanye no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina ndetse n'imyitwarire ikwiye kubaranga ni muri gahunda y'iminsi 16 yo kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina yatangiye kuwa 25/11 -10/12/2024 ifite insanganyamatsiko:"Twubake Umuryango uzira ihohotera".



Ikiganiro cyatanzwe na Mme UMUHOZA Alexia Ushinzwe Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, inama yari yitabiriwe kandi na Mme UMUBYEYI Immaculee, Umukozi w'Akarere Ushinzwe Uburenganzira bw'Umwana.



Aba bakobwa bagize ibyago byo kubyarira iwabo bakiri bato, basabwe gukora ibishoboka byose bakarera neza abo bibarutse ariko bakirinda icyo aricyo cyose cyatuma bagwa mu bishuko nkuko byababagendekeye mbere. Bibukijwe kwihangira uturimo tubyara inyungu bityo baharanire kwigira biteze imbere bareke gukora bararikiye utw'abandi kuko niho izo ngeso mbi zibakururira ibibazo zituruka kuko ababashuka baba babonye urwaho.





# MU TUGARI INTEKO Z'ABATURAGE ZAKOMEJE KUBA UMUYOBORO W'UBUSABANE N'ABATURAGE

Mu kwezi k'Ugushyingo inteko z'abaturage zarateranye buri wa kabiri ku gicamunsi kandi zarushijeho kuba umuyoboro w'ubusabane bw'ubuyobozi n'abaturage, kumva no kwakira ibibazo byabo.

Tariki 26 Ugushyingo hirya no hino mu Tugari hateraniye inteko z'abaturage zahuje abaturage n'ubuyobozi. Muri izi nteko haganiriwe no kuri gahunda zikurikira: gukumira amakimbirane mu miryango, isuku n'isukura, gukemura ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage, kwicungira umutekano, gahunda ya Ejo Hueza, ubwisungane mu kwivuza no gukumira ibiza.

Umuyobozi w'Akarere n'itsinda ayoboye bitabiriye inteko y'abaturage mu Murenge wa Nyamiyaga Akagari ka Ngoma.

Inteko y'abaturage i Ngoma yanitabiriwe n'Itsinda ry'abanyamakuru riyobowe na Mme Mutesi Scovia bakaba bafashije gutambutsa iyi nteko "Live"; hari kandi intumwa za Minisiteri y'ubutegetsi bw'Igihugu.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee ari kumwe na Supt. Uwanyirigira Marie Goretti ushinzwe guhuza Polisi n'abaturage bari mu Murenge wa Runda Akagari ka Gihara, naho Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu yitabiriye inteko mu Murenge wa Kayenzi Akagari ka Bugarama.










## URUBYIRUKO RWASABWE URUHARE MU GUTANGA AMAKURU KU IHOHOTERWA RIBAKORERWA.




IUbwo hakorwaga ubukangurambaga mu Kigo cy'Ishuri cya GS Rose Mystica tariki 25 Ugushyingo 2024 ku kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu muryango bwateguwe n'umufatanyabikorwa RWAMREC, abanyeshuri basabwe nk'urubyiruko kwirinda guhishira abagira uruhare mu kubahohotera.



Muri ubu bukamburambaga ubuyobozi bw'Akarere bwari buhagarariwe n'umukozi w'Akarere Ushinzwe Uburinganire n'iterambere ry'umuryango Mme UMUHOZA Alexie ari kumwe n'uhagarariye Polisi Supt. Marie Gorette UWANYIRIGIRA ushinzwe guhuza Polisi n'abaturage ndetse n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gacurabwenge Mme UMUGIRANEZA Marthe.

Ubu bukangurambaga bwari bufite insanganyamatsiko igira iti" Twubake umuryango uzira ihohotera. Abitabiriye baganirijwe ku ihohoterwa icyo ari cyo, amoko y'ihohoterwa, uko hakumirwa ihohoterwa, Ibiranga Umuryango Ushoboye kandi Utekanye.

## INTARA YAKOZE ISUZUMA RY'ISHYIRWAMUBIKORWA RY'IMIHIGO Y'AKARERE



Tariki 21 Ugushyingo 2024, itsinda ry'abakozi b'Intara riyobowe na bwana Mutambuka Faustin ushinzwe igenamigambi ku Ntara, ryakoze isuzuma ry'imihigo harebwa ibimaze gukorwa muri aya mezi ashize y'igihembwe cya I & II cy'imihigo y'Akarere umwaka wa 2024/2025.



Abagize itsinda bibanze ku kureba raporo z'ibikorwa by'imihigo ndetse n'ubuziranenge bwazo hibandwa ku gusesengura umuhigo ku wundi mu nyandiko.



Ku mugoroba abagize iri tsinda bagaragarije ubuyobozi ibyo babonye bikwiye gukosorwa ndetse n'ibikwiye gushyirwamo imbaraga kugira ngo imihigo izagerweho ku gipimo cyifuzwa.

Iki gikorwa cyitabiriwe ku rwego rw'Akarere n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, Abayobozi b'Akarere Bungirije, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere ndetse n'abakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere.

# ABATURAGE BATANZE IBITEKEREZO BYAZITABWAHO MU IGENAMIGAMBI RY'UMWAKA UTAHA WA 2025/2026









Tariki 19 Ugushyingo mu Tugari twose ubuyobozi bwagaragarije abaturage raporo y'ibyakozwe byari byatanzwe nk'ibyifuzo byajya mu igenamigambi umwaka ushize w'ingengo y'imari wa 2023/24, ndetse n'ibitarakozwe bakanasobanurira abaturage impamvu bitagezweho.

Mu rwego rwo guha umuturage ijambo mu igenamigambi biganisha ku kwimakaza imiyoborere myiza, hanakiriwe ibitekerezo byabo byazashyirwa mu igenamigambi ry'umwaka utaha.

Muri iyi gahunda umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe na bwana Martin Mudatinya intumwa ya MINALOC, ndetse na Mme Mukakalisa Chantal umuyobozi w'Abinjira n'abasohoka mu Karere bitabiriye iki gikorwa mu kagari ka Busoro Umurenge wa Kayumbu.
Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel yari mu Murenge wa Nyamiyaga naho Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee yari mu Murenge wa Musambira.

# NYARUBUYE: HATASHYWE IVURIRO RY'IBANZE RYA NYARUBUYE






Mu Kagari ka Nyarubuye Umurenge wa Rugalika kuwa mbere tariki 18 Ugushyingo 2024 habaye umuhango wo gutaha ku mugaragaro Ivuriro ry'ibanze (Health Post) ryubatswe ku bufatanye n'Umuryango "Save the Children" hamwe n'abafatanyabikorwa bawo. Uyu muryango wari uhagarariwe n'Umuyobozi wa Save the Chidren mu Rwanda no mu Burundi.

Iki gikorwa cyayobowe na Mme Uwiringira Marie Josee Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, hari kandi Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Furaha Fulgence, Umuyobozi w'Urwego rw'Inkeragutabara mu Karere Lt. Colonel Eliphaz Mugisha, Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima mu Karere, bwana Ntabana Gaston hamwe n'abandi bafatanyabikorwa b'uyu mushinga wo kubaka iri vuriro.



# RUNDA: ABATURAGE BIBUKIJWE KO ISUKU ARI ISOKO Y'UBUZIMA




Tariki 12 Ugushyingo Mu Kagari ka Muganza Umurenge wa Runda niho hatangirijwe ku rwego rw'Akarere ubukangurambaga ku isuku n'isukura. Icyo gihe ubuyobozi bwibukije abaturage ko isuku ari isoko y'ubuzima kandi ko basabwa kuyigiramo uruhare kugira bakomeze guharanira ubuzima buzira umuze.



Muri gare ya Bishenyi mu Kagari ka Muganza Umurenge wa Runda, niho hatangirijwe ku rwego rw'Akarere ubu bukangurambaga Ni gahunda izamara ukwezi ikaba izibanda ku gushishikariza abaturage kugira isuku ku mubiri, aho bakorera, aho batuye n'aho bagenda mu rwego rwo guharanira Kamonyi isukuye, Akarere kazira umwanda.






Ubu bukangurambaga bwatangijwe na Dr. Nahayo Sylvere Umuyobozi w'Akarere, hari kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge bwana Ndayisaba Jean Pierre Egide, Umuyobozi w'Ishami ry'ubuzima, abacuruzi bo ku isoko ndetse n'abatuye muri kano gace. Mu Mirenge yose uyu munsi hakozwe igitondo cy'isuku cyahujwe no gutangiza ubukangurambaga ku isuku n'isukura mu Karere.

# UBUYOBOZI BWIFATANYIJE N'ABANA KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA WAHARIWE KWITA KU BUREZI N'UBURERE BW'ABAKOBWA




Ku gicamunsi cyo kuwa 08 Ugushyingo 2024 mu Ishuri ryisumbuye ESB Kamonyi mu Murenge wa Gacurabwenge habereye ikiganiro cyateguwe ku bufatanye bw'Akarere, NCDA aricyo Kigo cy'Igihugu Mbonezamikurire y"Abana Bato ndetse iki kuganiro cyanatambutse ako kanya ( Live streaming) ku maradio anyuranye na Television  Isango Star.



Ikiganiro cyitabiriwe n'abanyeshuri bagera kuri 500 cyateguwe mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe uburezi n'uburere bw'umwana w'umukobwa. Insanganyamatsiko " EJO HEZA MU BIGANZA BYACU".




Ikiganiro cyagizwemo uruhare n'Umuyobozi Mukuru wa NCDA Mme INGABIRE Assumpta, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee, abanyeshuri bagera kuri 500 bo mu bigo bya Rosa Mystica, GS Saint Jean Bosco Kamonyi na GS Sainte Bernadette.



## HAKOZWE INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE Y'AKARERE





Kuwa 11 Ugushyingo 2024, ku biro by'Akarere habereye ku gicamunsi inama y'umutekano yaguye y'Akarere iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee. Inama yanitabiriwe na Lt. Colonel Mugisha Elphaz Umuyobozi w'Inkeragutabara, Supt. Furaha Fulgence ukuriye Polisi mu Karere hamwe n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere. Hari kandi abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abakuriye inzego za Polisi mu Mirenge, DASSO n'abakuriye inkeragutabara mu Mirenge.

Mu nama hagarutswe ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama iheruka, uko umutekano uhagaze muri aya mezi 2 ashize n'ingamba zo gukomeza kuwubungabunga, gahunda yo gukomeza gukumira icyorezo cya Marburg no gukumira Ibiza, uko Ubwisungane mu kwivuza bw'uyu mwaka w'ingengo y'imari buhagaze mu Karere.







## ABAKOZI B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU MYITWARIRE MBONEZAMURIMO

Tariki 07 Ugushyingo 2024, ku biro by'Akarere habereye inama nyunguranabitekerezo yitabiriwe n' Abakozi b'Akarere (abayobozi b'Imirenge, abakorera ku Karere n'abandi bahagarariye bagenzi babo mu Mirenge.



Iyi gahunda yateguwe ku bufatanye na komisiyo y'Igihugu ishinzwe abakozi ba Leta yari ihagarariwe na Mme Anathalie MUKADISI.



Ikiganiro cyibanze ku myitwarire mbonezamurimo no gukora kinyamwuga. Muri iyi nama kandi hari hagamijwe kwibukiranya indangagaciro zibereye umukozi biganisha ku gutanga umusaruro ufatika.



Gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere w'Agateganyo.



# MU MIRENGE YOSE HAKOZWE IBIGANIRO BY'ABAGIZE IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA

Tariki 29 Ugushyingo 2024 mu Mirenge yose igize Akarere habeereye ku gicamunsi ibiganiro byahuje abagize ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa ku rwego rw'Umurenge ibiganiro byayobowe n'Intumwa zo ku rwego rw'Akarere mu rwego rwo kunganira Imirenge mu gukomeza ubukangurambaga ku bumwe bw'abanyarwanda.





Ibiganiro muri rusange byibanze ku kurushaho kubaka ubumwe bwacu, Kurebera hamwe ibibangamira ubumwe n'ubudaheranwa mu muryango, Uruhare rw'Indangagaciro na Kirazira by'umuco nyandwanda mu guhangana n'ibibangamiye Ubumwe n'Ubudaheranwa, uruhare rw'abagize ihuriro mu gukemura inzitizi z'ubumwe n'ubudaheranwa. Abagize ihuriro bagiye mu matsinda kungurana ibitekerezo nyuma hahurizwa hamwe ibyavuye mu matsinda.



Muri iki gikorwa Umuyobozi w'Akarere Dr NAHAYO Sylvere, Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt FURAHA Fulgence, Umuyobozi wa NISS mu Karere bwana Mutabazi Jean Baptiste bitabiriye ibiganiro mu Murenge wa Mugina naho Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel yitabiriye ibiganiro mu Murenge wa Nyamiyaga.



## HAKOZWE INAMA NYUNGURABITEKEREZO KU KU GUTANGA UBUFASHA KU BAROKOTSE JENOSIDE









Ku biro by'Akarere mu Murenge wa Gacurabwenge, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee yayoboye inama yari igamijwe kurebera hamwe gahunda zo gutanga ubufasha ku batishoboye barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakeneye amacumbi cyangwa gufashwa mu mishanga ibyara inyungu kugira ngo biteze imbere.

Inama yitabiriwe n'abakuriye inzego za Ibuka n'Umuryango AVEGA ku rwego rw'Akarere no ku Mirenge ndetse n'abakozi bashinzwe Imibereho Myiza mu Mirenge. Abitabiriye bunguranye ibitekerezo ku gutanga ubufasha n'ibigomba kugenderwaho nkuko amategeko abiteganya, hagamijwe kunoza uburyo bwo kugeza iyi nkunga kuri ba nyirayo, gukurikirana imikoreshereze y'inkunga igihe ari iyo kwiteza imbere ndetse no kujya inama ku bikwiye kwitabwaho mu gucunga neza imishinga abagenerwabikorwa baba bakoze ngo ibafashe mu iterambere.

# ABATURAGE BIBUKIJWE AKAMARO KA SIPORO MU BUZIMA










I Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenga tariki 3 Ugushyingo habereye ku rwego rw'Akarere siporo rusange yaranzwe no kwiruka byoroheje (mchaka mchaka) no gukora imyitozo ngororamubiri mu rwego rwo kwimakazasiporo mu baturage.

Iyi Siporo yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee n'abagize inzego z'umutekano.

Umuyobozi w'Akarere mu butumwa bwe yasabye abaturage gukora siporo kenshi gashoboka kugira ngo birinde indwara za hato na hato.

Umufatanyabikorwa Skol nawe yagize uruhare muri iyi sporo aho yaboneyeho kwamamaza ikinyobwa kidasembuye gishya cya Maltona, mu rwego rwo gukomeza kwegereza abakiriya bayo ibi binyobwa.

Ku bufatanye n'abajyanama b'ubuzima, nyuma ya siporo ababyifuza bitabiriye siporo hano i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge bapimwe indwara zitandura (NCDs) kugira ngo bamenye uko bahagaze bityo barusheho kubungabunga ubuzima bwabo.

## HAKOZWE INAMA IFUNGURA UBUGENZUZI KURI GAHUNDA YA "SCHOOL FEEDING"

tariki 04 Ugushyingo 2024, ku Karere habereye inama ifungura ubugenzuzi buri gukorwa n'urwego rw'Igihugu ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugaburira abana ku ishuri. Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere. Abari mu nama ni Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere w'Agateganyo bwana Bushayija Fred, abakozi bakorera ku Karere n'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.









Hasobanuwe ko iri tsinda ry'ubugenzuzi rizamara ibyumweru 2, hakaba hararebwe uko umusanzu wa "school feeding" wishyurwa n'imikoreshereze yawo, hagenzuwe kandi n'imikoreshereze ya "capitation Grant" ariyo ngengo y'imari ifasha ibigo by'amashuri mu mirimo ya buri munsi iyi ikaba itangwa hashingiwe ku mubare w'abana ishuri riba rifite. RA) ari nawe watanze izi ngemwe z'ibiti.

# HATANGIJWE IMIKINO YO KU RWEGO RW'AMASHURI



Tariki 03 Ugushyingo 2024, ku Ishuri rya ESB Kamonyi riherereye mu Murenge wa Gacurabwenge, Umuyobozi w'Akarere Dr NAHAYO Slyvere ari kumwe n'abandi bayobozi yatangije kuri iki cyumweru imikino mu mashuri. Ni amarushanwa ngarukamwaka agamije kuzamura impano z'abanyeshuri mu mikino ya "Volley Ball", "Basketball", "Football", "Handball" & "Athletics".



Iyi mikino y'uyu mwaka yanateguwe hagamijwe no gutanga ubutumwa bureba buri wese muri rusange; by'umwihariko urubyiruko rukaba ruhamagarirwa gukumira no kurwanya inda ziterwa abangavu, hagamijwe kubaka umuryango ubereye u Rwanda.



Iki gikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi waturutse muri Ministeri ya Siporo mu Rwanda akaba ari no muri komite ya federation ya sporo mu mashuri, Umuyobozi wa ESB Kamonyi Padiri Majyambere Jean d'Amour n'abandi bayobozi.



**Bikozwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**'PR, Media & Communications"**